




**INTARA Y'IBURASIRAZUBA
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE
AKARERE KA GATSIBO**



**Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba
RWAMAGANA**

Impamvu: Imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo
yateranye kuwa 27/11/2015.



Madamu Guverineri,

Nejewe no kubandikira ngirango mbagezeho ku mugereka w'uru rwandiko, Imyanzuro
y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateranye kuwa 27/11/2015

Ku mugereka murahasanga imyanzuro ku buryo burambuye.

Mugire amahoro.

RUTAYISIRE K. Wilson

**Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gatsibo**

02/12/2015




Bimenyeshejwe:

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

Kigali.

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka **Gatsibo.**



**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA
GATSIBO YATERANYE KUWA GATANU TARIKI YA 27/11/2015**

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa gatanu tariki ya 27/11/2015, iyobowe n'Umuyobozi wayo Bwana RUTAYISIRE K. Wilson guhera saa tatu n'igice za mu gitondo (9H30), yitabirwa n'Abajyanama 22 kuri 24 bayigize muri iki gihe.

Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo ku ngingo zigwaho, yemeje izi zikurikira:

1. Kwakira ibibazo Abajyanama batumwe n'abaturage;
2. Raporo z'inama y'Inama y'Abaperezida zo kw'itariki ya 25/9/2015, iyo kw'itariki ya 30/10/2015 n'ya kuwa 13/11/2015;
3. Kwemeza igishushanyo mbonera cy'umuji wa Ngarama;
4. Kwemeza ingurane ikwiye yagenewe abaturage zasabwe n'Umuyobozi w'Akarere;
5. Raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama guhera tariki ya 31/01/2014 kugeza kuya 14/08/2015;
6. Kugezwaho raporo z'abagize Komite Nyobozi y'Akarere;
7. AOB (DIVERS).

1. KWAKIRA IBIBAZO ABAJYANAMA BATUMWE N'ABATURAGE;

Inama Njyanama yakiriye ibibazo Abajyanama batumwe n'abaturage, bamaze kumva ibisubizo kuri bimwe byatanze na Komite Nyobozi y'Akarere no kubunguranaho ibitekerezo, Inama Njyanama yafashe imyanzuro ikurikira:

1.1 Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukurikirana ku buryo bwimbitse ikibazo cy'abaturage bashyingiranywe ariko bakaba batagaragara mu bitabo by'irangamimerere, ibyo bikazakorwa mu bufatanye n' Abanyamategeko;

1.2 Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukurikiranira hafi imicungire y'amazi hakurikijwe imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama mu nama idasanzwe yo ku itariki ya 14/02/2014 n'inama isanzwe yo kw'itariki ya 02/05/2014

1.3 Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi ko yareba uburemere bw'ikibazo cy'umuhanda Rurenge-Rwarenga wo mu Murenge wa Remera ukeneye gushyirwamo laterite maze mw'ivugururwa ry'ingengo y'imari 2015-2016 hakazabwa uburyo hakoreshwa amafaranga yagenewe umuhanda Nyakanga-Ryarutsinzi-Rwikubo-Kivuba), angana na miliyoni mirongo itatu n'icyenda n'ibihumbi magana abiri na mirongo itanu (39,250,000 Frw).



2. RAPORO Z'INAMA Y'INAMA Y'ABAPEREZIDA ZO KW'ITARIKI YA

25/9/2015, IYA 30/10/2015 N'IYA KUWA 13/11/2015;

Inama Njyanama yagejejweho inyandikomvugo z'inama z'Inama y'Abaperezida, imaze kuzunguranaho ibitekerezo yashyigikiye ibyifuzo yagaragaje ku myanzuro yafatwa yemeza imyanzuro ikurikira:

2.1 Inama Njyanama ishingiye ku kibazo cyagaragajwe n'Umugenzuzi bwite w'Akarere mw'isoko ryo kubaka Kabarore Guest House, yemeje ko hashyirwaho Komisiyo idasanzwe izacukumbura mu mizi, ibibazo byaba biri mu masoko yose yatanzwe mu Karere isoko ku rindi, mu buryo bwihuse ku buryo yazageza ku Nama Njyanama raporo yazigwaho mu nama yayo idasanzwe izasuzuma ivugururwa ry'ingengo y'imari;

2.2 Inama Njyanama, mu rwego rwo gusubukura igikorwa cyo gusura inyubako ziri mu Karere, yemeje ko Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu izakorera descente mu Murenge wa Ngarama ahubakwa Ikigo Nderabuzima, kugirango irebe aho umushinga uri no mu mihigo y'Akarere ugeze ushyirwa mu bikorwa n'uburyo imyubakire ihagaze ;

2.2 Inama Njyanama yemeje ko Komisiyo idasanzwe izaba igizwe n'Abajyanama bakurikira:

- 1) KAPITENI Athar Eleazar: Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama;
- 2) YANKURIJE Marie Goretti: Umunyamabanga w'Inama Njyanama;
- 3) BIZIMANA Léonidas : Perezida wa Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu;
- 4) SABITI Hosea: Perezida wa Komisiyo y'imiyoborere myiza;
- 5) SEKANYANGE Jean Léonard: Perezida wa Komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage
- 6) RUKUNDO Emmanuel : Perezida wa Komite ya Audit y'Inama Njyanama;

2.3 Inama Njyanama yemeje ko Komisiyo idasanzwe ifite uburenganzira bwo gutumiza uwari we wese ibona yabatera inkunga muri icyo gikorwa.

- Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo ku kibazo cy'abaturage bo mu Kagari ka Simbwa Umurenge wa Kabarore baguze ibibanza na Koperative Abarwanashyaka ya Kibondo, basaba uburenganzira bwo kubyibaruzaho maze ifata imyanzuro ikurikira:

2.4 Inama Njyanama yemeje ko ubutaka bwatanzwe mu buryo budakurikije amategeko, bityo bukaba bugomba kugaruzwa mu mutungo w'Akarere;

2.5 Inama Njyanama yemeje ko amafaranga Koperative Abarwanashyaka yagurishije ibibanza Kibondo agashyirwa kuri Konti y'Umurenge yimurirwa kuri Konti y'Akarere;



2.6 Inama Njyanama yemeje ko abaturage bazagaragaza umwimerere wa bordereau yuko bishyuye kuri konti Umuganda Kabarore amafaranga ibihumbi ijana na mirongo itanu (150,000 F), aribo bazaherwaho bahabwa uburenganzira bwo kwibaruzaho ibibanza baguze;

2.7 Inama Njyanama yemeje ko Koperative igomba kwamburwa ibibanza bibiri yiyitirira kubera yuko ubwo butaka itabukoresha icyo babuherewe kandi ikaba isa n'itakibaho dore ko nta n'ubuzima gatozi ifite;

2.8 Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi ko yakwiga uburyo ubwo butaka bwazakatwamo umudugudu w'icyitegererezo kandi amazu azahubakwa akaba afite plan nziza ijyanye n'igihe tugezemo.

3. KWEMEZA IGISHUSHANYO MBONERA CY'UMUJYI WA NGARAMA;

Inama Njyanama imaze kugezwaho n'umukozi wo mu biro by'ubutaka imiterere y'igishushanyo mbonera cy'umuji wa Ngarama ugizwe n'Akagari ka Ngarama mu Murenge wa Ngarama ugakora gato ku Mirenge Nyagihanga na Gatsibo muri Centre ya Gatungo, yagaragaje ko imbago z'umuji zitagaragazwa neza;

3.1 Inama Njyanama yasabye Madamu Munezero Janine umukozi wo mu biro by'ubutaka, ko afatanya na Bwana Niyonziza Felicien ,District Council Specialist bakihutira kugeza hardcopy ya raporo kuri email z'Abajyanama;


3.2 Inama Njyanama yemeje ko izemeza igishushanyo mbonera cy'umuji wa Ngarama mu mwiherero w'Inama Njyanama uteganyijwe imaze kugaragarizwa imbibe zawo kugeza ku Midugudu izaba iwugize.

4. KWEMEZA INGURANE IKWIYE YAGENEWE ABATURAGE ZASABWE

N'UMUYOBOZI W'AKARERE;

Inama Njyanama yagejejweho urutonde rw'abaturage basabirwa ingurane ikwiye ku mitungo yabo, muri yo hari iyangijwe n'ibikorwa by'inyungu rusange (Nyagihanga IDP Model Village, umuyoboro w'amazi wa Cyampirita n'isoko mu Murenge wa Kageyo, Akagari ka Gituza, Umudugudu wa Gisiza), hakaba kandi ahubatswe umudugudu, n'ahateganywa kubakwa Modern Residential Site mu Muji wa Kabarore;

4.1 Inama Njyanama yemeje ingurane ikwiye ku baturage bimuwe ahaciwe imihanda muri Nyagihanga IDP Model Village (igice cya mbere); ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni zirindwi ibihumbi magana arindwi mirongo irindwi na bine na magana abiri mirongo itanu na rimwe (7,774,251 Frw)



[Handwritten signature]

4.2 Inama Njyanama yemeje ingurane ikwiye ku butaka bw'abana b'imfumbyi za jenoside ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni cumi n'imwe ibihumbi magana atandatu na mirongo ine (11,640,000 Frw),

4.3 Inama Njyanama yemeje ingurane ikwiye ahateganyijwe gukorwa Modern Residential Site mu Mujyi wa Kabarore, ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni mirongo itatu n'enye ibihumbi magana atatu mirongo itatu na bitanu n'ijana mirongo irindwi n'icyenda (34,335,179 Frw),

4.4 Inama Njyanama yemeje ingurane ikwiye ahacishijwe umuyoboro w'amazi wa Cyampirita, ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni enye ibihumbi magana arindwi mirongo irindwi na kimwe n'ijana mirongo cyenda n'atandatu (4.771,196 Frw);

4.5 Inama Njyanama yemeje ingurane ikwiye ku baturage basenyewe amazu ahagombaga kubakwa isoko mu Murenge wa Kageyo, Akagari ka Gituza, Umudugudu wa Gisiza ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni eshanu ibihumbi magana atandatu makumyabiri na birindwi na magana inani makumyabiri n'icyenda (5,627,829 Frw);

4.6 Inama Njyanama, yasabye Komite Nyobozi ko amadosiye azuzuzwa hongerwamo ibyangombwa n'imikono by'abahuriye ku mutungo (umugore n'umugabo bashyingiwe) mbere yuko amafaranga ashirwa ku makonti yabo ;

5. RAPORO Y'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INAMA NJYANAMA GUHERA TARIKI YA 31/01/2014 KUGEZA KUYA 14/08/2015;

Inama Njyanama yasubitse ngingo irebana no kugezwaho raporo kw'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro z'inama z'Inama Njyanama, kubera yuko iyo raporo yafata umwanya munini, yemeje ko iyo ngingo izashyirwa kuri gahunda y'umwiherero w'Abajyanama uteganyijwe.

6. KUGEZWAHO RAPORO Z'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI Y'AKARERE;

Inama Njyanama yagejejweho raporo z'ibikorwa by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere nkuko biteganywa n'itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize y'imikorere y'inzego z'imategekere y'igihugu zegerejwe abaturage

Imaze kuzunguranaho ibitekerezo, yashimye uburyo zatanzwe, irazakira

7. AOB (DIVERS).

A) Inama Njyanama yagejejweho n'Umuyobozi wayo ibikubiye mw'ibaruwa yandikiwe na Bwana RUKUNDO G.William, tariki ya 20/11/2015, asaba guhagarika akazi, kubera



impamvu ze bwite mu gihe kitazwi ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gatsibo,

Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje kandi ku Bajyanama, ibaruwa yanditse N° Njy 069/07.05.03/09 tariki ya 20/11/2015, amwemerera guhagarika akazi kubera impamvu ze bwite nkuko yabyisabiye ashingiye ku mwanzuro wa 1 w'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 06/03/2013 ikamwemeza nk'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, ashingiye kandi ku gika cya 2 cy'ingingo ya 87 y'itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange y'abakozi ba Leta, kivuga ko "Umukozi wa Leta agira uburenganzira bwo gusaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi iyo amaze nibura imyaka itatu (3) ku mwanya w'umurimo asabiraho guhagarika akazi mu gihe kitazwi"

Umuyobozi w'Inama Njyanama yagaragaje ko itegeko ritamwemerera guhagarika akazi mu gihe kitazwi ariko akaba yemererwa kugahagarika nkuko yabyisabiye kubera impamvu ze bwite;

7.1 Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo kuri ayo mabarurwa yombi yasanze Bwana RUKUNDO G.William ataruzuzwa imyaka itatu nibura atangiye akazi nk'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gatsibo, ngo abe yakwemererwa guhagarika akazi mu gihe kitazwi ariko ishyigikira icyifuzo cye cyo guhagarika akazi yakoraga nk'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gatsibo kubera impamvu ze bwite nkuko yabyisabiye;

7.2 Inama Njyanama ishingiye ku mabwiriza ya Minisitiri w'abakozi ba Leta n'umurimo yo mu kwezi kwa 4/2015 agaragaza inshingano z'abakozi b'Akarere, yemeje ko Bwana Emmanuel Nzabonimpa Corporate Services Division Manager asimburwa by'agateganyo Bwana RUKUNDO G.William ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gatsibo;

7.3 Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi ko ihita ikoresha ihererekanya bubasha hagati ya RUKUNDO G.William na Emmanuel Nzabonimpa Corporate Services Division Manager umusimbura by'agateganyo.

B) Inama Njyanama yagejejweho umushinga kuri gahunda y'umwiherero uteganyijwe ukazahuza Inama Nyanama y'Akarere n'Abayobozi b'inzego zinyuranye mu Karere kugirango baganire ku mikorere n'imikoranire yaranze manda irangiye no kungurana ibitekerezo ku ngamba zatumye Akarere karushaho gutera imbere;

7.4 Inama Njyanama yasabye ko umushinga w'umwiherero wagezwa ku Bajyanama ku buryo bwa email bakazawutangaho ibitekerezo, inashyiraho Komite yo kuyinoza izakurikirana imyiteguro igizwe na:

1. Bwana KAPITENI Athar Eleazar, Umuyobozi w'Inama Njyanama wungirije



2. Bwana MANZI Théogène, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu
3. Madamu UWIMPUHWE Espérance, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage;
4. Bwana NZABONIMPA Emmanuel Corporate Services Division Manager
5. Bwana NIYONZIZA Felicien , District Council Specialist.

C) Umuyobozi w'Akarere yabwiye Abajyanama yuko guhera tariki ya 28/11/2015 kugeza tariki ya 3/12/2015 Radio Rwanda izaba ikorera mu Karere ka Gatsibo bityo abasaba kuzategura abaturage bakazakirana urugwiro abakozi bayo bazabagana.

D) Umujyanama NIYOMUGABO Romalis yabwiye Abajyanama ko kuwa kane tariki ya 3/12/2015 ari umunsi mpuzamahanga w'abafite ubumuga, abonera kubasaba kuzitabira ibirori byo kwizihiza bizabera mu Mirenge by'umwihariko ku rwego rw'Akarere bikazabera mu Murenge wa Nyagihanga .


Umwanditsi w'inama



YANKURIJE Marie Goretti

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'inama



RUTAYISIRE K. Wilson

Umuyobozi w'Inama Njyanama



ABAJYANAMA KU RWEGO RW'AKARERE BITABIRIYE INAMA ISANZWE
Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO KUWA GATANU TARIKI YA
27.11.2015.

N0	AMAZINA	UMURENGE	ISAHA	UMUKONO
1	BASABOSE Tharcisse	GASANGE	7:00	<i>[Signature]</i>
2	BIZIMANA Léonidas	KAGEYO	7:00	<i>[Signature]</i>
3	GASANA Richard	KIRAMURUZI	8:00	<i>[Signature]</i>
4	KAPITENI Athar Eleazar	KIZIGURO	8:15	<i>[Signature]</i>
5	KAMONDO Gaëtan	MUHURA	8:00	<i>[Signature]</i>
6	KAYITESI Zayinabu	RUGARAMA	8:15	<i>[Signature]</i>
7	MANISHIMWE Gilbert	GITOKI	8:20	<i>[Signature]</i>
8	MANZI Theogene	NYAGIHANGA	9:13	<i>[Signature]</i>
9	MBABAZI Oliver	KABARORE	9:15	<i>[Signature]</i>
10	MUKAMANA Clémentine	NGARAMA	9:20	<i>[Signature]</i>
11	MUKANDEKEZI Astérie	KAGAYO	8:52	<i>[Signature]</i>
12	MUTABUZA Benon	KABARORE	in file	<i>[Signature]</i>
13	NDAHAYO Pascal	REMERA	8:30	<i>[Signature]</i>
14	NIYOMUGABO Romalis	KIRAMURUZI	9:28	<i>[Signature]</i>
15	NKURANYABAHIZI Eugène	GATSIBO	9:10	<i>[Signature]</i>
16	NZAYISENGA Gilbert	MURAMBI	9:00	<i>[Signature]</i>
17	RUKUNDO Emmanuel	KABARORE	9:00 am	<i>[Signature]</i>
18	RUTAYISIRE K. Wilson	RWIMBOGO	8:00	<i>[Signature]</i>
19	UFITENYINA Philotée	NYAGIHANGA	8:00	<i>[Signature]</i>
20	SEKANYANGE Jean Léonard	KIRAMURUZI	8:00	<i>[Signature]</i>
21	SABITI Hosea	KABARORE	9:13	<i>[Signature]</i>
22	UWERA Espérance	REMERA	8:00	<i>[Signature]</i>
23	UWIMPUHWE Esperance	KIRAMURUZI	8:00	<i>[Signature]</i>
24	YANKURIJE Marie Goretti	NGARAMA	8:00	<i>[Signature]</i>



[Handwritten mark]

[Handwritten mark]